REPUBULIKA Y'U RWANDA
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO

Itangazo rigenewe abanyamakuru

Abagize amahuriro AGPF-Rwanda na RPRPD bazatanga ibiganiro hirya no hino mu gihugu

Kuri uyu wa 22 kugeza kuwa 23 Gashyantare 2019, Abagize Inteko Ishinga Amategeko barimo abari mu Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko Rikumira Jenoside Ihakana n'Ipfobya rya Jenoside yakorewe Abatutsi (AGPF-Rwanda) n'abo mu Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko baharanira Imibereho y'Abaturage n'Iterambere (RPRPD) bazaba bari mu Mirenge imwe n'imwe mu Turere twose tw'Igihugu aho bazatanga ibiganiro mu Mashuri yisumbuye, mu bayobozi batandukanye hamwe no mu bafatanyabikorwa kandi bakazifatanya n'abaturage mu gikorwa cy'umuganda usoza ukwezi kwa Gashyantare 2019.

Abagize Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko Rikumira Jenoside Ihakana n'Ipfobya rya Jenoside yakorewe Abatutsi (AGPF-Rwanda) bateguye igikorwa cyo gutanga ibiganiro mu aashuri yisumbuye hagamijwe gusobanurira urubyiruko gahunda ya Ndi Umunyarwanda mu rwego rwo kurwanya no gukumira ingengabitekerezo ya Jenoside haherewe mu rubyiruko. Ibiganiro bizibanda ku gusobanurira abanyeshuri amavu n'amavuko ya Ndi umunyarwanda; gusobanurira urubyiruko uburyo ubumwe bw'Abanyarwanda bwari bumeze mbere y'ubukoloni, uko bwasenyutse n'ingamba zo kubwubaka no kubusigasira no gusubiza agaciro ubunyarwanda; no kubagaragariza icyo Leta ibifuzaho, cyane cyane uruhare rwabo mu gukumira amacakubiri, n'ivangura iryo ari ryo ryose.

Ku rundi ruhande, abagize Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko baharanira Imibereho y'Abaturage n'Iterambere (RPRPD), bazakora ibiganiro n'abayobozi batandukanye hamwe n'abafatanyabikorwa ku rwego rw'Akarere ku buzima bw'imyororokere, kwandikisha abana bavuka no gukura mu bitabo abapfuye mu rwego rw'ubuvugizi no kubashishikariza kubishyira mu mihigo yabo. Ibyo biganiro bizibanda ku kungurana ibitekerezo ku bibazo by'ubuzima bw'imyororokere n'ingaruka zabyo ku buzima rusange bw'abaturage nk'inda zidateguwe mu rubyiruko, kubyara abana batajyanye n'ubushobozi bw'igihugu, indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina harimo n'icyorezo cya Sida n'izindi; kurebera hamwe

aho guhuza imibare y'abavukira kwa muganga n'abandikwa mu bitabo by'irangamimerere ku mirenge bigeze n'inzitizi zihari kugira ngo iyo mibare ibe ihuye ku nzego zitandukanye; gukangurirwa uruhare rwo kwandukuza abapfuye mu bitabo by'irangamimerere nk'uburyo bwo gufasha inzego za Leta kugendera ku mibare yizewe mu gihe cy'igenamigambi; no kungurana ibitekerezo no gufata ingamba ku buryo izi gahunda zashyirwa mu mihigo y'uturere zigashakirwa n'ingengo y'imari.

Nyuma y'ibiganiro biteganyijwe kuwa 22 Gashyantare 2019, ku wa 23 Gashyanatre Abagize Inteko Ishinga Amategeko Rikumira Jenoside Ihakana n'Ipfobya rya Jenoside yakorewe Abatutsi (AGPF-Rwanda) n'abo mu Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko baharanira Imibereho y'Abaturage n'Iterambere (RPRPD) bazifatanya n'abaturage ku munsi w'umuganda ngaruka kwezi mu mirenge itandukanye aho Abagize Inteko Ishinga Amategeko baharanira Imibereho y'Abaturage n'Iterambere (RPRPD) bazatanga ubutumwa butandukanye

Mukeneye ibindi bisobanuro mwabariza ku:

- **Ishami rishinzwe Itumanaho no Kwegera abaturage**

  Tel: 0788217946, 0785605817, 0788286911 na 0788448396

- **Umuyobozi w'Ishami rishinzwe Itumanaho no Kwegera Abaturage**

  Bwana Nzeyimana Cleophas

  Tel: 0788471000

  Email: cleophas.nzeyimana@parliament.gov.rw

Follow us:
Facebook:https://www.facebook.com/rwanda.parliament
Twitter:https://twitter.com/RwandaParliamnt
Instagram: https://www.instagram.com/rwanda.parliament

Learn more at: http://www.parliament.gov.rw